EVECHE DE KABGAYI

B.P. 66 Muhanga (Gitarama)
Rwanda

# INYIGISHO YA NOHELI 2021

+Simaragidi MBONYINTEGE, Umwepiskopi wa Kabgayi

## "Jambo ni we wari urumuri nyakuri rumurikira umuntu wese uje muri iyi si" (Yh 1,9)

**1.** Bakristu bavandimwe, kuri iyi minsi mikuru twibukaho ivuka rya Nyagasani, kandi twizihiza buri mwaka, ndagira ngo tubifashijwemo n'amasomo matagatifu tuzirikane kuri Noheli iri vuka rya Yezu ryari ryarateguj we kenshi, ariko rikaza nk'iritunguye benshi. Ndagira ngo kandi, bakristu bavandimwe, twirinde kuzatungurwa n'uwaduteguje, twifashisha Ijambo ry'Imana, kuko aracyaza n'ubu.

2. Uriya Jambo watuvukiye mu izina rya Yezu, yiherewe n'Imana ubwayo itumye Malayika Gaburiyeli(Lk 1,31), yaje ari "**urumuri rumurikira buri muntu wese uje muri iyi si"** (Yh1,9). Uwo Jambo rero ni we Imana Data yaremesheje ibintu byose (Yh1,3), ni na we kandi yeguriye ububasha bwose bwo kuducungura (Ef 1,7). Ni ukuvuga rero ko mu iremwa rya byose yari ahari ubwe, no mu icungurwa ryacu, uko yahabaye ubwo yadupfiraga ku musaraba, maze akazuka ari muzima, n'ubu ni ko ahari nka Emmanueli, Imana muri twe. (Mt1,23)

3. Yatuvukiye yaraduteguje ku buryo bwinshi, ibi tubizirikane twibuka ko n'ibi turimo ari integuza y'ibizakurikiraho. Ariko bizumvwa kandi bimenywe n'uzaba yaremeye, akabonera urumuri rw'imibereho ye n'imyumvire ye mu Ijambo ry'Imana twahaweho umurage. Murabizi muri Liturujiya yacu dukoresha amasomo atatu: Iryo mu Isezerano rya kera, iryo mu Isezerano rishya niry'Ivanjiri Ntagatifu. Sinzi niba tujya twibaza bihagije impamvu ibitera. Tuba dushakamo urumuri rw'Imana Data, ariwe Yezu Kristu, umurikira buri wese uje muri iyi si. Imana yaraturemye, ntiduterera iyo, kandi ntiyaducunguye ngo bicire aho, iranaduherekeza ngo tujyane; "dore ndi kumwe namwe kugera ku mpera z'isi" (Mt 28,20).

4.Dusubije amaso inyuma mu Isezerano rya kera tugana amaza y'irishya, kandi twibanda gusa ku Ijambo ry'Imana nk'urumuri rumurikira umuntu wese uje muri iyi si. Imana yaturemye ikatubeshaho ubwo yatoraga Abrahamu ho umubyeyi uzadusigira umurage w'ukwemera, ari yo sano ikomeye dufitanya na we. Uhoraho yabikoze amushakaho inkomoko nshya, idaheza abandi

bose yaremye ahubwo ishaka kuzamuremamo ubuzima izabumbiramo amoko yose y'abantu bazabikesha ukwemera. Imana ibwira Abrahamu ngo : **"Imuka uve mu gihugu cyawe, uve mu nzu ya so na nyoko, ujye mu gihugu nzakwereka. Nzakugira umuryango munini, nzaguha umugisha…imiryango yose y'isi izaguherwamo umugisha. Nuko Abrahamu aragenda agenza uko Uhoraho yamubwiye"** (Intg.12,1-4). Iri jambo Abrahamu abwiwe n'Uhoraho azarigenderaho ubuzima bwe bwose. Azahura n'ingorane nyinshi z'ubuzima, ndetse ageze n'aho yibaza niba isezerano yahawe rizashoboka. Akuze ari incike, nta gihugu atuye, izabukuru zimurimo, umugore we Sara ari ingumba. Byaramushobeye ariko atsimbarara ku Mana, kuko yemeraga rwose ko Imana itica isezerano kandi ko ingorane yahuye na zo zidahindura na gato umugambi w'Imana. Ageze aho imbaraga za muntu zitagishoboye kurenga ni bwo ku buryo butunguranye Imana yamugobotse, Sara arasama, abyarira Abrahamu Izaki (Intg.18,10). Ivuka rya Izaki kuri Abrahamu byamwumvishije ko noneho koko ibyo Imana yamusezeranije izabisohoza mu buhanga bwayo. Ndetse byaramushimishije ageza aho ashaka gutura Imana kimwe mu byiza kiruta byose; umuhungu we Izaki. Naho ubwo nk'inshuti, Imana imuba hafi, akumva impumeko yayo. Yarahanuye, kandi impanuro ye yarasohoye. Imana ishima Abrahamu imubuza gutamba Izaki, imuha intama yo gutura mu mwanya w'umwana we Izaki. Nguwo ntama w'Imana uzavuka ku bw'Imana, maze akitambira isi yose ho igitambo gitanga ubugingo bw'iteka (Intg. 22,5-18). Uyu mubano wa Abrahamu n'Imana wambukiranya Bibiliya Ntagatifu nk'urumuri rw'ukwemera abakurambere bacu bakomeje gukurikira kugeza ubwo Jambo w'Imana yigize umuntu abana natwe, maze twe twibonera ikuzo rye (Yh1,14).

5. Mu bandi bakurambere bacu banogeye Imana bagendera ku isezerano ry'Imana na Abrahamu. Reka mfate Dawudi mwene Yese, Imana yigombye ngo ikomeze umugambi wayo wo kuzakiriza amahanga yose ku nkomoko ye. Dawudi ntiyatowe ari Umwami w'ikirangirire. Imana yamutoye ahubwo aho yari aragiye intama za se, Yese. Mu bahungu bavukana yari umuhererezi, umuhanuzi Samueli, uzwiho ubunogeramana n'ubushishozi amurikiwe n'ukwemera Imana akomora kuri Abrahamu, mu bahungu ba Yese, yakekaga ko hakwiye gutorwamo umusimbura w'Umwami Sawuli utari ukinogera Imana,sibo Uhoraho yamweretse. Ababajije ko ntawe ubuze bati hari agahungu ka bucura kagiye kuragira amatungo. Ntiyari akazi, aragatumiza, kaje, Imana yumvisha Samweli ko ari uwo agomba gutora. Amusukaho amavuta, amugira umwami wa Israheli atyo(1Sam16,6-13). Kuva ubwo Samweli asutse amavuta ku mutwe wa Dawudi, yatashywe n'imbaraga z'Imana, akurana urukundo rw'Imana n'urw'umuryango wa Israheli. Ingoma ye yakomeje kugendera ku murongo w'ukwemera Imana no kuyinogera mu mikorere ye. Naho ubwo ni urumuri rw'ukwemera rwamufashije kuba umwami wa Israheli wubahisha Imana, kandi akihutisha Isezerano Imana yagiranye n'abakurambere.

6. Umwana wa Dawudi uzavukira i Betelehemu, byageze aho Imana ireba kure, igateganya byose kubera umukiro w'abantu, iteganya inkomoko ya Dawudi, na we w'inkomoko ya Abrahamu, irango ryabo bose riba ukwemera mu mibereho no kuyinogera mu mikorere ya buri munsi. Za zaburi, Dawudi yagizemo uruhare dore ko yari umuririmbyi n'umucuranzi (2Sam 22,1-5) n'abahanuzi bagarutse kenshi ku isezerano Imana yagiranye na Dawudi ibinyujije ku muhanuzi we Natani

A

(2Sam 7,11-16). Dawudi amaze kumva amagambo Uhoraho amutumyeho umuhanuzi Natani ngo **"Inzu yawe n'ubwami bwawe bizahora imbere yanjye iteka, n'ingoma yawe izakomera iteka ryose"** (2Sam 7,16). Na we yuzura ibyishimo yicara imbere y'Uhoraho yibuka ineza yamugiriye n'aho yamukuye, aciye bugufi cyane ati:**"None rero Uhoraho Mana yanjye, ijambo wavuze ku mugaragu wawe n'urubyaro rwe, urikomeze iteka, kandi urirangize uko wabyivugiye,...Nuko rero ugire Ubuntu uhe inzu y'umugaragu wawe umugisha ugira ngo ihore iteka imbere yawe (2Sam7,25-29).**

7. Uhoraho Imana yacu yaturemye idukunze, ikaba ishaka kudukiza ibinyujije mu muryango yihitiyemo muri Kristu Yezu yitoreye na we imunyujije ku bantu barangwa n'ukwemera n'ubunogeramana bafitanye. Ni yo ubwayo yagendeye ku Isezerano yagiriye Abrahamu, igeze kuri Dawudi yongera kurinoza, noneho no kwerekana bya hafi uko inkomoko ya Dawudi izatugeraho. Abahanuzi bakurikiye Dawudi, na za Zaburi zakomeje kuririmbwa muri Israheli, byose byari bigamije kuganisha ku nkomoko ya Dawudi, uzaza kwuzuza amasezerano y'ubucungurwe bwa bose, Imana yari yaragiranye n' umukurambere wacu Abrahamu. Dore ko naryo ryari ryarabanjirijwe na rya Jambo Imana yavugiye ku mushukanyi ubwo Adamu na Eva bari bamaze kugomera Imana. Aho Uhoraho agira ati : **"Dore nshyize inzigo hagati yawe n'umugore , hagati y'urubyaro rwawe n'urubyaro rwe, ruzakujanjagura umutwe, nawe urukomeretse ku gatsinsino"** (Intg.3,15).

Muri iki gihe cya Adventi twakomeje kumva amasomo yo mu Isezerano rya kera, cyane umuhanuzi Izayi atwumvisha ko umucunguzi ari hafi agiye kuza. Ndetse Umuhanuzi Izayi akagira akarusho ko kutwereka isura Yezu na we ubwe aho azazira aziyumvamo. Ibyo umuhanuzi Izayi yavugaga mu Ijambo, Yezu aho aziye akabyuzuza mu bikorwa. Duhuze aho Izayi avuga isura y'umugaragu w'Imana uzaza agira ati: "Umwuka w'Uhoraho urantwikiriye, kuko Uhoraho yantoye akansiga amavuta y'ubutore" (Iz16,13). Yibutsa ya yandi Samweli yasize Dawudi (1Sam16,13). Agakomeza agira ati: "Yanyohereje gushyira abakene inkuru nziza, komora abafite umutima wamenaguritse, gutangariza imbohe ko zibohowe….kwamamaza umwaka w'impuhwe z'Uhoraho"(Iz 61,1-3). Wabihuza n'igihe Yezu yari I Nazareti afashe ijambo mu Isengero agasoma ubu buhanuzi bwa Izayi (Lc 4,16-21) akarangiza agira ati: **"Ibiri mu Isomo mumaze kumva byujujwe uyu munsi mu maso yanyu" (Lk 4,21).**

8.Bakristu bavandimwe, iyo umwanditsi w'Ivanjili ya Yohani avuga ati: **"Jambo ni we wari urumuri nyakuri rumurikira umuntu wese uje muri iyi si" (Yh1,9)** ni nk'umwanzuro w'amateka y'Imana mu bantu. Ijambo ry'Imana twifashisha**"Bibiliya Ntagatifu"** ribumbatiye urumuri rw'ukuri dukeneye kugira ngo tumenye Imana n'uwo yatwohereje Yezu Kristu. Kandi nk'uko nigeze kubivuga haruguru byose ni Jambo wabikoreraga mu bakurambere, abami n'abahanuzi bagiye bagaragaza ukwemera maze Imana muri Jambo na Roho Mutagatifu bakorana akagenda amurikira amateka y'inzira y'ugucungurwa kwacu.

9. Ibyishimo byacu rero kuri Noheli ni ukubasha kumva ko Imana yujuje Isezerano ryayo. Kandi kuba yarabyujuje iciye ku bakurambere bacu yumvaga batazabibona bakiri muri iyi si. Ariko igihe kikagera twe tukabibona byaruzuye, ni igihamya gikomeye ko natwe ubu ibyo Imana yadusezeranyije muri Yezu Kristu watuvukiye, akatwigisha, akadupfira, akazuka, akadusezeranya umukiro n'ubugingo budashira, ibyishimo byacu nibibe byinshi. Twemere, dukunde Imana nk'uko yadukunze muri Yezu Kristu. Ab'ikubitiro mu Isezerano rishya bakiriye Jambo watuvukiye, maze agahabwa izina rya Yezu, uko Malayika yabivuze, bamurikiwe n'Ijambo ry'Imana n'imibereho y'abakurambere banogeye Imana. Bikira Mariya yarishimye maze aririmba Magnificat **"Umutima wanjye uhimbajwe n'Imana umukiza wanjye" (Lk 1,47)** ibumbatiye ubuhanuzi bumurikira urugendo rw'ukemera kw'abakurambere bamubanjirije kuri Yezu Kristu. Zakariya, mbere gato y'ivuka rya Yezu, mu ivuka rya Yohani Batista na we yarishimye yumvise ikinyotera cy'amaza ya Nyagasani muri Yohani Batista wavukiye kuba integuza ya "**Zuba rirashe neza**" abivuga atya ati: **"Nawe rero wa kana we uzitwa umuhanuzi w'Umusumbabyose…kuko Imana yacu igira impuhwe zihebuje ari nazo zatumye Zuba rirashe neza amanuka mu Ijuru aje kudusura akabonekera abari batuye mu mwijima no mu gicuku cy'urupfu, kugira ngo atuyobore mu nzira y'amahoro" (Lk 1,76-79)**. Urumuri rwa Jambo wigize umuntu rwakomeje kwambukiranya igihe cy'abakurambere bacu n'abahanuzi no kuri buri wese wahagendanye ukwemera Imana. Ndetse no hanze ya Israheri mu banyamahanga, Imana nta mupaka ntarengwa yigeze ishyira hagati ya Israheli n'abanyamahanga, icyo ireba ni ukwemera n'ubutungane mu myitwarire. Bene uyu muntu wahuraga n'Imana yaramukizaga, abami bavuye iyo gihera, abamalayika n'abashumba baje kuramya Yezu watuvukiye. Bose bari bayobowe n'urumuri rwa Jambo wigize umuntu akabana natwe.

10. Ubwo Yezu avukiye i Betelehemu "Nuko Jambo akigira umuntu", akabyarwa na Bikira Mariya, umutoni w'Imana byahebuje, kuva ubwo imibereho y'abemera yafashe isura nshya muri Yezu Kristu. Iyo sura si iyo twihaye, niyo yaduhaye ubwe: uko yavutse, uko yakuze, uko yabayeho n'uko yigishaga, byose bikaza gusozwa n'uko yapfuye akazukira kudukiza, ni gihe gito ariko gihagije cyaranze amateka ya Yezu Kristu muri twe. Ni ho duhanze amaso, ni ho dushyize umutima mu kwemera gushyitse n'urukundo nyarwo atwigisha. Ni ukuvuga ko igihe cya Yezu n'amateka ye ni byo shingiro ry'ukwemera kwacu. **Ni ho urumuri rw'ukuri rwa Kristu Yezu rubonesherezа umuntu wese uje muri iyi si.**

11. Bakristu bavandimwe, nimwibuke iri zina rya Kristu mwahawe ubwo mwabatizwaga. Mwabanje guhamya ukwemera kwanyu, kandi murarikirwa buri gihe kukuvugurura. Ubwo mwinjiye kandi mugendera mu rumuri rwa Jambo wigize umuntu akabana natwe. Niba rero ushaka gukomeza kunoza amasezerano ufitanye n'Imana muri Yezu Kristu, ashingiye ku kwanga icyaha no guharanira ubutungane, uzabona ubugingo bw'iteka mu byishimo bidacuye ntibishire. Abemera Yezu Kristu turiho, mwebwe nanjye, ariko tumenye ko n'abanzi b'urumuri rwa Kristu bariho, kandi ntibari kure, baturi hafi muri kamere nubwo n'aba kure bahari, abaturimo ni bo babi cyane. Dusukure imitima yacu tubane n'Imana na bagenzi bacu tumurikiwe na Yezu Kristu **We "Rumuri Nyakuri rwacu"**. Twiyambaze izina rye kenshi, aturi hafi.

12. Ndagira ngo ngana ku musozo nzirikane no kuri ibi ibihe turimo bya covid-19, nimukomere mwihangane tumaze kuyimenyera, ariko muri covid-19 akabi ntikamenyerwa nk'akeza. Nimwikingize mwirinda. Naho ababipfobya, hari abitwaye batyo irabahitana. Ikibazo ni uko ibajyana bamaze kwanduza n'abandi. Uwanga kwikingiza akwiye kureka no kubana n'abandi rero. Uburenganzira bwe ntibukwiye kubangamira ubw'abandi. Kwikingiza ntawe byishe, byafashije benshi nuwaba yarishwe narwo iteka haba harimo n'ubundi burwayi. Mwirinde ibihuha, twiringire inzobere zacu, naho batabona neza icyadukiza, ariko icyatwica cyo bakibona bakakiturinda. Nimwikingize kandi mwubahirize amabwiriza y'ukwirinda. Bidusaba ubwitange ariko biradukingira.

Ejo tuzaba twizihiza urugo rutagatifu rw'I Nazareti: Yezu, Mariya na Yozefu, ni ukubisunga dusaba imbaraga n'ingabire zo kunoza imibereho n'imibanire y'ingo z'abashakanye. Zugarijwe n'ibibazo byinshi. Bikira Mariya Umwamikazi wa Kibeho udusabire.

**Mugire Noheli nziza n'Umwaka muhire w'2022.**